REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, le 7/12/1987

N° 4142 /15.00

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru
wa M.R.N.D.
K I G A L I

Nyakubahwa Munyamabanga Mukuru,

Dukulikije ibaruwa yanyu n°1466/001.005 yo kuwa 5 Ugushyingo 1987, tuboherereje inyandiko ilimo ubulyo ibyemezo bya Kongre ya Gatanu Isanzwe ya Muvoma byakulikijwe :

- Mu guteza imbere Urubyiruko
- Mu by'Imikino n'Imyidagaduro
- Mu gushyigikira no gutunganya imigendekere ya za Koperative.

Dukulikije amikoro y'Igihugu, tuzakomeza guteza imbere no gushyigikira ibikorwa by'urubyiruko, imikino n'imyidagaduro na za koperative ku bulyo no muli Kongre ya Gatandatu Isanzwe ya Muvoma ibi byemezo byakongera bigafatwa.

Tubifulije ishya n'ihirwe.

Bimenyeshejwe:
- Bwana Ministri (Bose)
KIGALI

Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustini
Lt Col BEM

Ubulyo ibyemezo bya Kongre ya Gatanu Isanzwe ya M.R.N.D. byakulikijwe mu rwego rwo guteza imbere urubyiruko.

---

1. Kongre yasabye ko buli Komini, buli Segiteri na buli Selire byagaragaza porogramu yo gutoza urubyiruko ibikorwa byongera umusaruro, bakarumenyereza gukorera hamwe :

- Ubutegetsi bwa Komini bwakoze uko bushoboye kugirango bwite ku bibazo by'Urubyiruko. Ba Burugumestri bagerageje gushaka imilima n'ibibanza by'aho amashyirahamwe y'Urubyiruko yakorera.
- Imishinga mito mito yagiye ikorwa hilya no hino n'abagiraneza kugirango bafashe urubyiruko.
- Amanama akoreshwa buli gihe kugirango bakangulire Urubyiruko ibikorwa bya kijyambere byo kongera umusaruro.
- Ubutegetsi bwa komini bwagiye bwibutsa buli gihe ababyeyi umulimo wo kurera. Bukora uko bushoboye kugirango Urubyiruko rwafatiwe mu migi kubera ubuzererezi rukoherezwa mu makomini ya kavukire rutagaruka muli iyo migi.
- Muli Komite ya Selire hashyizweho ushinzwe ibibazo by'Urubyiruko, naho mu rwego rwa Segiteri urubyiruko rwitoreye abakangurambaga baruyobora muli animasiyo no mu muganda.
- Mu nama zahuje ba Burugumestri, nk'inama zabo zabereye i BUTARE muli Universite uyu mwaka wa 1987, imwe iyobowe na Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini, indi iyobowe na Ministri w'Imigambi ya Leta itegura umugambi wa Kane w'Amajyambere, ba Burugumestri bigiye hamwe ukuntu urubyiruko rwarushaho kwitabilira umulimo, rukilinda ubuzererezi.
  Inzitizi bahura nazo ni uko benshi mu Bayobozi b'Urubyiruko na za Koperative muli Komini badafite ubushobozi buhagije muli uwo mulimo kandi hamwe ntibashobore kubahemba buli gihe.

2. Kongre yasabye Leta gukomeza gutera inkunga amashyirahamwe y'Urubyiruko yihutira cyane cyane kuyashakira ibikoresho by'ibanze :

- Leta yakomeje gukora uko ishoboye kugirango ikangulire urubyiruko ibikorwa mu mashyirahamwe; amanama menshi yarakoreshejwe asobanulira Urubyiruko imikorere y'amashyirahamwe n'ubulyo yakongera umusaruro koko.
- Leta yagiranye amasezerano na Banki z'Abaturage kugirango zijye ziha amashyirahamwe y'Urubyiruko inguzanyo, ku bulyo buyoroheye.

.../...

- Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative, kugirango ikomeze gukangulira urubyiruko ibikorwa bya kijyambere, yakoresheje amarushanwa hagati y'amashyirahamwe abarushije abandi barahembwa, bikaba ali ubulyo bwo gutera inkunga urubyiruko.
Aliko cyane igishimishije ni uko muli ayo marushanwa ubutegetsi bwa Prefegitura bwifashishije abatekinisiye (technicien) mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi n'ubukolikoli bezengurutse za Komini zose bareba ibikorwa by'urubyiruko.
Mu myaka ili imbere Leta nigira ubushobozi bwisumbuye izakomeza gukoresha ayo marushanwa mu rwego rwa Komini kugirango abahembwa barusheho kuba benshi.
Iyo porogaramu izarushaho kugaragara muli Festival y'Urubyiruko izahuza urubyiruko rwize n'urutiga rukamulika ibikorwa byarwo abategetsi n'ababyeyi bagafata imigambi yo gukomeza gushyigikira urubyiruko.

- Ntitwakwibagirwa kandi inkunga Nyakubahwa Prezida wa Republika yakomeje gutera urubyiruko, nko muli 1987 yahaye buli Prefegitura 3.000.000 FRW kugirango ashyigikire ibikorwa by'Urubyiruko rwibumbiye mu mashyirahamwe.

- Ibarura ly'ibikorwa by'Urubyiruko lyatangiye muli 1987 lizagaragaza imilimo ishobora gukorwa n'urubyiruko. Iyo programu yo gukangura no kujijura urubyiruko Komite Nyobozi ya M.R.N.D. yarayishyigikiye isaba Leta ko yatanga 45.000.000 FRW yo gukomeza gutera inkunga ibikorwa bya kijyambere by'Urubyiruko na 14.000.000 FRW yo gusana no kubaka amazu y'ibigo by'urubyiruko mu ngengo y'imali ya 1988.

3. Kongre yasabye Leta guhuliza hamwe programu zigenewe urubyiruko, zaba izo muli IGA, Ibigo by'Urubyiruko cyangwa muli za CERAI :

- Prezidansi ya M.R.N.D. ifatanyije na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative bakoresheje imibonano ngishwanama yahuje abashinzwe urubyiruko mu rwego rwa Ministeri, n'Imilyango y'Urubyiruko bafata ibyemezo byo gushyiraho gahunda mu bulyo bwo kujijura urubyiruko rutagiye mu mashuli abanza n'urutarayarangije.

- Iyo programu ikaba ihuriye mu kwigisha imyuga inyuranye bibanda ku gukora aho gukulikirana amasomo mu bitabo.

- Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yakoresheje inama muli Campus ya Universite i Nyakinama kuva ku italiki ya 5 kugeza kuya 9 Gicurasi 1987 ihulirwamo n'abategetsi bo mu nzego zose, abahagaraliye amadini, abalimu ba Universite, abahagaraliye Ministeri zishinzwe za IGA na CERAI n'izindi Ministeri zirebwa n'ibibazo by'urubyiruko.

.../...

Hemejwe ko :

- Université, Campus ya NYAKINAMA, iziga uko izo nyigisho zitangwa mu rubyiruko rutashoboye kwiga amashuli abanza n'urutarayarangije ikagaragaza uko izo nyigisho zavugururwa.

- Ko Ministeri yashyiraho itegeko lyihariye ligenga imyigishilize y'urwo rubyiruko.

- Umushinga w'iteka rya Prezida rishyiraho kandi litunganya uburezi bw'urubyiruko rutagiye cyangwa rutarangije amashuli abanza wararangiye woherezwa muli C.I.C. ibigenewe kugirango iwusuzume.

Ubulyo ibyemezo bya Kongre ya Gatanu Isanzwe ya Muvoma byakulikijwe mu rwego rw'Imikino n'Imyidagaduro.

1. Kongre yasabye Leta gukomeza gutera inkunga za Prefegitura n'Amakomini, ndetse n'abandi babishoboye kugira ngo bubake ibibuga by' imikino ;

Kuva mu Kuboza 1985, igihe Kongre ya Gatanu Isanzwe ya Muvoma iterana, ibibuga byinshi by'imikino byarubatswe, ibindi biracyubakwa mu ma Prefegitura yose y'Igihugu nk'uko bisobanuye ku bulyo bukulikira :

- Prefegitura GIKONGORO yabonye amafranga yo kwimura abaturage, avo gusiza aho Stade izibakwa ageze kuli 44.800.000 FRW
  Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yahaye kandi iyo Prefegitura ibikoresho byayifashije kwubaka ibibuga bya volleyball na basketball mu murwa mukuru.

- Prefegitura ya GITARAMA yahawe amafranga yo kubaka Stade. Abaturage balimuwe, imilimo yo gusiza yaratangiye; bamaze guhabwa 25.000.000 FRW.
  Iyo Prefegitura yahawe kandi ibikoresho byayifashije kwubaka ibibuga bya volleyball na basketball mu murwa mukuru.

  Suprefegitura ya RUHANGO nayo yatangiye kubaka Stade y'umupira w'amaguru. Ministeri ikaba ibiyifashamo.

- Prefegitura ya RUHENGERI: Stade ya RUHENGERI yaruzuye iratahwa.

- Prefegitura ya CYANGUGU ifite Stade yayo.

- Prefegitura ya KIBUYE yatangiye kwagura Stade yayo, Umukuru w'Igihugu akaba yarayiteye inkunga ihwanye na 10.000.000 FRW. Imilimo iragenda neza kandi imaze gutwara 15.000.000 FRW.

- Prefegitura ya GISENYI: Stade yaruzuye; mu mwaka wa 1987 yongereweho inzu y'abakinnyi yatwaye amafranga 7.500.000 FRW.

.../...

- Prefegitura ya KIGALI Stade y'Igihugu ili i REMERA izarangirana n'umwaka w' 1988.
  Hilya no hino mu murwa mukuru hubatswe ibibuga by'imikino inyuranye, bikaba byarubatswe mu rwego rw'amashuli, urw'abikorera ku giti cyabo n'urwa Leta.

- Prefegitura ya KIBUNGO: Ahazubakwa Stade harateganyijwe hasigaye kwimura abahatuye no kwubaka.

- Prefegitura ya BUTARE: Hateganyijwe kwagura Stade isanzwe.

- Prefegitura ya BYUMBA Stade y'imikino yaruzuye.

Uretse mu mirwa mikuru ya za Prefegitura muli Komini no muli za Segiteri, abaturage bakoze uko bashoboye kugirango bagire ibibuga by'imikino n'imyidagaduro.
Cyakora muli rusange haracyakenewe byinshi cyane mu rwego rwa za Komini no mu murwa mukuru w'Igihugu.

2. Kongre yasabye Leta kwiga uburyo ibikoresho bya siporo n'imyidagaduro, bikenewe n'abantu bonshi, bitahenda abaturage ndetse byashoboka bigakorerwa mu Rwanda :

   - Buli mwaka Leta igena amafranga angana hafi na 10.000.000 FRW yo kugura ibikoresho by'imikino n'imyidagaduro.
   - Leta kandi mu mategeko agenga imisoro n'amahoro yasoneye bimwe mu bikoresho bya siporo cyane ibikoreshwa na rubanda nyamwinshi.
   - N'ubwo ibyinshi muli ibyo bikoresho bitumuzwa mu mahanga, mu gihugu hatangiye kuboneka bimwe na bimwe nk'imyambaro, amazamu, imipira yo gukina miko n'inshundura.

3. Kongre yasabye Leta gukomeza guteza imbere imikino gakondo :

   - Mu mikino ya gakondo, Ministeri yatangiye ibarura ly'iyo mikino mu turere twose tw'u Rwanda no gushakira imwe muli yo amategeko yanditse, ndetse imwe n'imwe ijya igira amarushanwa mu ma Komini. Intego yo guteza imbere imikino ya gakondo igomba gukomeza kuko hakili byinshi bigomba kugerwaho.

.../...

- Imbyino n'indilimbo bya gakondo bigaragalizwa mu matorero byitaweho; hali amatorero ali mu rwego rw'igihugu (URUKEREREZA rw'abakuru, INDANGAMIRWA z'urubyiruko) n'amatorero yihaliye nk'AMASIMBI N'AMAKOMBE.

- Buli Komini ifite itorero kandi lyitwaye neza. Ndetse no mu masolire yihaliye y'Ibigo bya Leta n'ihyigenga naho bafite amatorero.
- Prezidansi ya MRND yafashije amatorero menshi iyaha imyambaro; yafashije kandi amatorero Urukerereza, Indangamirwa n'Amasimbi n'Amakombe guserukira u Rwanda mu bindi bihugu.

Imbyino n'indilimbo bya gakondo biranga umuco wacu birashyigikiwe kandi uwo mugambi ukwiye gukomeza cyane gufasha amatorero guserukira igihugu kugirango igihugu cyacu kimenyekane kandi ntihagire abawigana ngo bawiyitilire.

- Imyidagaduro mu gihugu iragenda itera imbere. Abacuranzi n'ababyinnyi baliyerека hilya no hino.
- Ministeri yabaruye amazu yemewe mu gihugu abantu bakwidagaduliramo cyane iyo haje abakinnyi bo mu mahanga kugirango umutekano wubahilizwe. Ariko, haracyabura amazu ahagije kandi manini yo gukoreramo imyidagaduro.

.../...

## UBURYO IBYEMEZO BYA KONGRE YA GATANU YA M.R.N.D. BYAKULIKIJWE MU RWEGO RWO GUSHYIGIKIRA NO GUTUNGANYA IMIGENDEKERE YA ZA KOPERATIVE.

---

1. Kongre yasabye Leta kwihutisha imivugururire y'amategeko agenga za Koperative:

Ivugururwa ry'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda riri hafi kurangira. Ubu umushinga w'iryo tegeko warangije gusuzumwa n'akanama gashinzwe iby'ubukungu ukaba ushigaje kwemezwa n'inama y'igihugu iharanira amajyambere.

2. Kongre yasabye Leta gukomeza gutera inkunga za Koperative n'amashyirahamwe, ali mu byo kugurizwa, guhugura abanyamulyango no kugenzura icungwa ry'umutungo wabo.

<u>Gutera inkunga za Koperative n'amashyirahamwe mu byo kugurizwa</u>

- Leta yakomeje gutera inkunga amakoperative n'amashyirahamwe mu rwego rwo kuyafasha kubona inguzanyo, guhugura abanyamuryango no kugenzura icungwa ry'umutungo wabo.

- Kugira ngo ishobore kumenya neza imiterere y'amakoperative n'ibibazo ahura nabyo inabone uko iyafasha kubikemura. Leta yakoze ibarura rusange ry'amakoperative n'amashyirahamwe ariho mu Rwanda. Iryo barura Ministeri yarikoze ifatanyije n'ishami ryigisha iby'ubuhinzi muri Kaminuza y'u Rwanda n'ikigo IWACU.

- Mu rwego rwo gufasha amashyirahamwe kubona inguzanyo, kuva kuwa 30 Mutarama 1987, Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yagiranye amasezerano n'ishyirahamwe ry'amabanki y'abaturage mu Rwanda ashyiraho ikigega cy'ubwishingizo bw'amakoperative n'amashyirahamwe y'urubyiruko. Ayo masezerano ateganya ko Banki z'abaturage zizajya zigulizа amashyirahamwe n'amakoperative yose abyifuza, yaba afite ubuzima-gatozi cyangwa atabufite, apfa kuba akora neza kandi afite umushinga wizwe neza.

Ubu icyo kigega cy'ubwishingizi bw'amashyirahamwe kilimo amafaranga 19.867.430 kandi kimaze kwishingira inguzanyo zihwanye n'amafaranga 36.115.000.Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yari yarahaye koperative n'amashyirahamwe inguzanyo ihwanye n'amafaranga 12.965.762.

- Amashyirahamwe n'amakoperative yabonye inguzanyo abifashijwemo na Leta ni 69. Umugambi Ministeri ifite ni uwo gufasha no kwigisha koperative n'amashyirahamwe gutegura neza imishinga isaba inguzanyo kugira ngo zishobore gutangwa ari nyinshi kandi zikoreshwe neza.

.../...

Guhugura abanyamuryango

Mu rwego rwo guhugura abanyamuryango Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yakoresheje amanama muli Prefegitura na Suprefegitura zose ihuza abagize inama z'ubutegetsi, iz'ubugenzuzi n'abajera kugira ngo ibakangulire uburyo koperative zigomba gukora neza zikulikije amategeko.
Ku buryo bw'umwihariko habaye amahugurwa y'abayobozi b'urubyiruko na za Koperative muli Komini kugira ngo barusheho gusobanukirwa n'umulimo wabo wo kugira inama abanyamuryango. Bamwe mu bagize inama z'ubutegetsi, iz'ubugenzuzi, ndetse n'abajera barahuguwe kugira ngo barusheho gusobanukirwa n'imilimo bashinzwe. Ayo mahugurwa yanakoreshejwe mu kigo IWACU no mu kigo cy'i Gitarama gikorera amakoperative cyatangiye muri 1986.

Mu minsi iri imbere ayo mahugurwa azakomeza kwitabwaho ku buryo n'amakoperative azarushaho kuyagiraho uruhare kubera ko azajya ayatangaho amafaranga ateganyijwe mu mushinga w'itegeko rizagenga amakoperative.

Kugenzura icungwa ry'umutungo wa za Koperative

Mu rwego rwo kugenzura umutungo wa za Koperative, Leta yihatiye guhugura abagenzuzi b'Imali kugira ngo bagenzure neza imikoreshereze y'umutungo w'abanyamuryango bibumbiye muli koperative. Byongeye kandi igihe cyose koperative yitabaje Ministeri mu kugenzura umutungo iyohereza impuguke zibiyifashamo. Na none Ministeri yihatiye kuburanira amakoperative kugira ngo ashobore kugaruza umutungo wayo wanyerejwe. Ministeri kandi yasheshe amakoperative atagikora neza.

3. Kongre yasabye Leta gukomeza gutera inkunga amashyirahamwe y'Abanyarwandakazi.

Mu rwego rwo gushyigikira amashyirahamwe y'abategarugori, Leta yayateye inkunga iyahugura kandi iyafasha kwiga ibibazo ahura nabyo no kubishakira umuti. Nko ku byerekeye inguzanyo ayo mashyirahamwe nayo yishingirwa na Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative. Kugira ngo ibikorwa byo gushyigikira ayo mashyirahamwe birusheho kuyagirira akamaro Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yatangiye kugirana imishyikirano n'izindi nzego z'imirimo zifasha ayo mashyirahamwe nka M.R.N.D. (URAMA) na Ministeri y'Ubuzima n'Imibereho Myiza y'Abaturage.
Leta yahaye umukozi ishyirahamwe ry'abategarugori "DUTERIMBERE", rigamije gufasha amashyirahamwe y'abategarugori kwiga imishinga no kuyishingira kugira ngo abone inguzanyo mu mabanki.

.../...

REPUBLIQUE RWANDAISE

REPUBULIKA Y'U RWANDA.

Annexe
Ingereka

BULLETIN de SIGNALEMENT valable pour la période du 1er Janvier au 31 Décembre 1985

URUPAPURO RWEMEZA UKO UMUKOZI YAKOZE GUHERA KUWA

KUGEZA KUWA

Ministère / Ministeri: de la Jeunesse et du Mouvement Coopératif
Service / Aho akora: D.G. des Sports et Loisirs
Noms et Prénoms / Amazina: NJANGWE Philippe
Grade / Intera: Secrétaire d'Administration
Commissionné Directeur
Agent sous statut xxxxxxxxxx (1)
Agengwa na sitati ya Leta, y'ikigo cya Leta, yateye kontra. (1)

Préfecture / Prefegitura: KIGALI
Matricule / Numero ye mu gitabo cy'abakozi ba Leta: 7695
Numéro d'Affiliation à la C.S.R. / Numero ye mu gitabo cy'Isanduku y'ubwiteganyilize bw'abakozi.
Ancienneté dans le Grade / Igihe amaze muli iyo ntera: 09/11/1979

| 1. APPRECIATION DU MERITE UKO AKORA (utiliser obligatoirement une des mentions suivantes : remarquable, très grand moyen, assez-grand, insuffisant) (ni ngombwa kwemeza kimwe muli ibi : birahebuje, ni byiza cyane, ni byiza, ni ukugerageza, ntibihagije) | Du chef compétent au premier degré<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa mbere | Du chef compétent au deuxième degré<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa kabili | De l'autorité compétente pour attribuer définitivement le signalement<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ugenewe guhamya burundu uko imikorere y'umukozi yagenze. |
|---|---|---|---|
| 1. Initiative : Uko yibwiliza ku mulimo. | Très Grande | Très grande | Très grande |
| 2. Sens de responsabilité Uko yita ku byo ashinzwe | Très Grand | Très grand | Très grand |
| 3. Puissance de travail et activités Uko ashoboye umulimo n'uko awushishikalira | Très Grandes | Très grandes | Très grandes |
| 4. Connaissances professionnelles Uko agaragaza ubushobozi | Très Grandes | Très grandes | Très grandes |
| 5. Aptitude et habileté professionnelles Uko agaragaza ubuhanga | Moyennes | Moyennes | Moyennes |
| 6. Sens social Uko abana n'abandi | Très Grand | Très grand | Très grand |
| 7. Civisme Uko akunda igihugu | Très Grand | Très grand | Très grand |
| 8. Ponctualité Uko agenera igihe ku mulimo | Très Grande | Très grande | Très grande |
| 9. UMUGANDA | TRES GRAND | TRES GRAND | TRES GRAND |
| APPRECIATION SYNTHETIQUE DU MERITE Icyo akwiye muli make (utiliser obligatoirement une des mentions suivantes : élite, très bon, bon, assez bon, médiocre). (ni ngombwa kwemeza kimwe muli ibi : ingenzi, nyamwete, nyamwete gato, nta mwete, ikigwali). | TRES BON | TRES BON | TRES BON |

I.N.R. 00066 — 300.000 — 82

(1) Biffer la mention inutile
Siba ibitali ngombwa

Sanctions disciplinaires encourues depuis le signalement
Ibihano yabonye nyuma y'iyemerwa ly'imikorere iherutse

Nature Néant
Icyo yahanishijwe
Date
Kuwa

ETATS DES SERVICES (analyse critique détallée des services rendus par l'agent depuis son dernier signalement)
Imilimo yakozwe (kuvuga ku bulyo busesenguye mu magambo yuzuye imilimo n'imikorere y'umukozi uhereye nyuma y'iyemerwa ly'imikorere ye liherutse).

1er degré: Monsieur NJANGWE Philippe a été promu par commissionnement Directeur des Sports depuis le 08/05/1984. Il a une grande volonté de servir; celle-ci doit néanmoins s'accompagner d'un esprit de discernement plus poussé afin d'éviter de rester superficiel dans le traitement des dossiers. Il est invité à prendre plus conscience de lourdes responsabilités qu'il doit assumer. Il doit accepter de s'engager même pour les questions du personnel. Il est régulier et actif aux travaux communautaires "UMUGANDA".

2e et 3e degré: idem

II. APPRECIATION DE L'APTITUDE A L'AVANCEMENT DE GRADE OU DE CLASSE (Utiliser obligatoirement une des mentions suivantes : apte, prématuré, inapte).

Kwemeza imizamukire mu ntera nshya cyangwa mu rwego rushya (ni ngombwa kwemeza kimwe muli ibi : agejeje igihe, ntarageza igihe, arazitiwe).

| Du chef compétent au premier degré<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa mbere. | Du chef compétent au deuxième degré<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa kabili. | De l'autorité compétente pour attribuer définitivement l'avancement.<br>Ibyemejwe n'umutegetsi ugenewe guhamya burundu intera cyangwa urwego umukozi akwiye kwinjiramo |
|---|---|---|
| Prématuré | Prématuré | Prématuré |

Avis et considération justifiant l'appréciation de l'aptitude à l'avancement de grade ou de classe (signaler notamment si l'agent a occupé des fonctions supérieures conformément à un commissionnement régulier et décrire comment l'agent s'est acquité de ses fonctions supérieures).

Kugaragaza ingingo zemeza ko umukozi akwiye kuzamuka mu ntera nshya cyangwa mu rwego rushya (kuvuga cyane cyane niba umukozi yarazamuwe ku milimo y'intera cyangwa inzego nkuru no kugaragaza neza ubushobozi uwo mukozi yerekanye muli iyo milimo yazamuwemo).

1er degré: Cfr. art. 68 des Statuts des Agents de l'Administration Centrale.

2e et 3e degré: idem

III. Dates et signatures
Amataliki n'Imikono.

| Du chef compétent au premier degré<br>Umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa mbere. | Du chef compétent au deuxième degré<br>Umutegetsi ubigenewe mu rwego rwa kabili. | De l'autorité compétente pour attribuer définitivement le signalement<br>Umutegetsi ugenewe kwemeza burundu imikorere y'umukozi |
|---|---|---|
| A Kigali le 12/1/1985<br>Bikorewe kuwa | A Kigali le 25/02/1985<br>Bikorewe kuwa | A Kigali le 25/02/1985<br>Bikorewe kuwa |
| Noms et Prénoms<br>Amazina MUHATURUKUNDO Norbert | Noms et Prénoms<br>Amazina MUHATURUKUNDO N. | Noms et Prénoms<br>Amazina NDINDILIYIMANA Augustin |
| Signature Umukono<br>Fonctions Umulimo ashinzwe D.G. Sports et Loisirs | Signature Umukono<br>Fonctions Umulimo ashinzwe Directeur Général des Sports et Loisirs | Signature Umukono<br>Fonctions Umulimo Ashinzwe MIJEUCOOP |
| [signature] | [signature] | [signature] |